/MW.B./M.C./

Kigali, le

N° /12.06.02

COMMUNIQUE OFFICIEL

Le Ministre de la Jeunesse et des Sports prie les personnes qui ont sollicité un emploi au Ministère de la Jeunesse et des Sports de se présenter audit Ministère le 10 Février 1983 à 7h du matin pour subir un test de capacité.

Il s'agit de :

Monsieur NDIKUMANA Samuel de NYAKIZU, Butare
" KABANDA Tite de KIGOMA , Gitarama
" KAGIMBANYI Jean de KANOMBE, Kigali
" NKERABIGWI Thomas de NYABISINDU, Butare
" MURERAMANZI Elie de GATARE, Cyangugu
" RUGAMBA Jean-Marie de MUGUSA, Butare
" IYAMUREMYE Cyprien de MABANZA, Kibuye
" MURARA Joseph de RUTONDE, Kibungo
" KANYABIKALI Athanase de MBAZI, Butare
" KALINDA Faustin de NYAKIZU, Butare
" KANANI Ephrem de MASANGO, Gitarama
" NYILIMBUGA Jean de Dieu de KIVUMU, Kibuye

Le Ministre de la Jeunesse
et des Sports
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

/MW.B./M.C./

Kigali, le

N° /12.06.02

# I T A N G A Z O

Ministri w'Urubyiruko n'Imikino aramenyesha abantu basabye akazi muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ko bagomba kwitaba kuli iyo Ministeri ku italiki ya 10 Gashyantare 1983 saa moya za mu gitondo kugirango bakore ikizamini.

Abo nibo aba :

Bwana NDIKUMANA Samuel wo muli Komine NYAKIZU, Butare

Bwana KABANDA Tite wo muli Komine KIGOMA, Gitarama

" KAGIMBANYI Jean wo muli Komine KANOMBE, Kigali

" NKERABIGWI Thomas wo muli Komine NYABISINDU, Butare

" MURERAMANZI Elie wo muli Komine GATARE, Cyangugu

" RUGAMBA Jean-Marie wo muli Komine MUGUSA, Butare

" IYAMUREMYE Cyprien wo muli Komine MABANZA, Kibuye

" MURARA Joseph wo muli Komine TUTONDE, Kibungo

" KANYABIKALI Athanase wo muli Komine MBAZI, Butare

" KALINDA Faustin wo muli Komine NYAKIZU, Butare

" KANANI Ephrem wo muli Komine MASANGO, Gitarama

" NYILIMBUGA Jean de Dieu wo muli Komine KIVUMU, Kibuye.

Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

# Liste des candidats au test de Maçonnerie et Menuiserie

B.F. Préparez un Communiqué invitant les intéressés à se présenter au Ministère pour un test et le plus rapidement possible. 9/2/83. — DIVERS

| Nom et Prénom | | Etudes faites. |
| --- | --- | --- |
| 1. NDIKUMANA Samuel | * → | E.T.O |
| 2. KABANDA Tite. | | HANIKA (3 ans) + 3 ans de technologie et pratique de maçonnerie et menuiserie. |
| 3. KAGIMBANYI Jean | * → | 5 ANS de formation spéciale Menuiserie et Ebenisterie. |
| 4. Nkerabigwi Thomas. | (+) | 3 ans au centre de formation de travailleurs qualifiés de Save en Maçonnerie |
| 5. MURERAMANZI Elie | * → | E.T.O. Menuiserie. |
| 6. RUGAMBA Jean Marie. | | 3 ans au centre de formation de travailleurs qualifiés de Save en Menuiserie. |
| 7. Iyamuremye Cyprien. | ° | E.T.O (2 ans) + Spécialisation au centre de perfectionnement pour forgerons à Nyabisindu |
| 8. MURARA Joseph | (+) | C.F.T.Q (3 ans en Maçonnerie) |
| 9. KANYABIKALI Athanase | | Ecole artisanale de Butare Section maçonnerie |
| 10. KALINDA Faustin | | CERAR. |

Note à Monsieur le Directeur
de l'Encadrement et Formation au MIJEUNESPORTS

======================

Inyandiko-mvugo y'ikosora ry'ibizamini ly'abantu batatu bateganilijwe kwigisha muli C.F.J. y'i MURAMA muli Komini MURAMA, Préfegitura ya GITARAMA.

A. Kw'italiki ya 17/01/1983 nibwo habaye ikizamini cyo gukoresha amaboko (examen pratique)
muli iryo suzuma amanota yashoboye kuboneka ateye atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA François yabonye muli pratique $\frac{6}{10}$

2. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye muli pratique $\frac{4\frac{1}{2}}{10}$

3. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye muli pratique $\frac{3\frac{1}{2}}{10}$

B. Kw'italiki ya 18/01/1983 nibwo habaye ikizamini cyo gukoresha ubwenge gusa (théorie)
Muli iryo suzumwa amanota yabshobbye kuboneka ateye atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA Fraçoins yabonye muli théorie $\frac{6,10}{10}$

2. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye muli théorie $\frac{6}{10}$

3. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye muli théorie $\frac{4,65}{10}$

C. Byombi biteranye babonye amanota ateranyijwe atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA François yabonye $\frac{6}{10} + \frac{6,10}{10} = \frac{12,10}{20}$

2. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye $\frac{4,5}{10} + \frac{4,65}{10} = \frac{9,15}{20}$

3. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye $\frac{3,5}{10} + \frac{6}{10} = \frac{9,50}{20}$

UMWANZURO

Nkuko bigaragara ku manota aba bakandida babonye, biragaragara rwose ko ubushobozi bwabo ali buke cyane.
Ibyo byagaragaliye mu maso y'abasuzumyi b'abo banyamyuga.

.../...

Abo basuzumyi balimo :

- Bwana Diregiteri Joseph KURAZIKUBONE,
- Bwana Yohani RUSHIGAJIKI ushinzwe ikigo cy'urubyiruko cy'i GACULIRO
- Bwana IYAKAREMYE J.P. umwalimu mu kigo cy'urubyiruko cy'i GACULIRO (ménuisier).
- Bwana GAKUBA Bénoît umwalimu mu kigo cy'Urubyiruko cy'iGACULIRO (maçon)
- Bwana Casimir RUHAKANA umwalimu mu kigo cy'urubyiruko i Gaculiro (maçon)
- Bwana GAKWAYA nDAYITABI, Secrétaire d'administration muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, wakurikiranye imigendekere n'imitegulire y'iryo bazwa.

Twongereho kandi ko muli abo banyamyuga, abubatsi batabonye inyigisho mu bigo byemewe na Leta, kandi koko witegereje ubumenyi bafite budahagije kugirango bashobore kwigisha abandi. Amahitamo yaje umuntu yapfa gufata KABERA Esdras ufite "expérience).

Kigali, le 18/01/1983

GAKWAYA -NDAYITABI.

(signature)

Note à Monsieur le Directeur
de l'Encadrement et Formation au MIJEUNESPORTS

=======================

Inyandiko-mvugo y'ikosora ry'ibizamini ly'abantu batatu bateganilijwe kwigisha muli C.F.J. y'i MURAMA muli Komini MURAMA, Préfegitura ya GITARAMA.

A. Kw'italiki ya 17/01/1983 nibwo habaye ikizamini cyo gukoresha amaboko (examen pratique)

muli iryo suzuma amanota yashoboye kuboneka ateye atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA François yabonye muli pratique $\frac{6}{10}$

2. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye muli pratique $\frac{4\frac{1}{2}}{10}$

3. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye muli pratique $\frac{3\frac{1}{2}}{10}$

B. Kw'italiki ya 18/01/1983 nibwo habaye ikizamini cyo gukoresha ubwenge gusa (théorie)

Muli iryo suzumwa amanota yashoboye kuboneka ateye atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA Fraçoins yabonye muli théorie $\frac{6,10}{10}$

2. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye muli théorie $\frac{6}{10}$

3. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye muli théorie $\frac{4,65}{10}$

C. Byombi biteranye babonye amanota ateranyijwe atya :

1. Umubaji RUCAMUMAKUBA François yabonye $\frac{6}{10} + \frac{6,10}{10} = \frac{12,10}{20}$

2. Umwubatsi KABENGERA Védaste yabonye $\frac{4,5}{10} + \frac{4,65}{10} = \frac{9,15}{20}$

3. Umwubatsi KABERA Esdras yabonye $\frac{3,5}{10} + \frac{6}{10} = \frac{9,50}{20}$

UMWANZURO

Nkuko bigaragara ku manota aba bakandida babonye, biragaragara rwose ko ubushobozi bwabo ali buke cyane.

Ibyo byagaragaliye mu maso y'abasuzumyi b'abo banyamyuga.

.../...

Abo basuzumyi balimo :

- Bwana Diregiteri Joseph KURAZIKUBONE,
- Bwana Yohani RUSHIGAJIKI ushinzwe ikigo cy'urubyiruko cy'i GACULIRO
- Bwana IYAKAREMYE J.P. umwalimu mu kigo cy'urubyiruko cy'i GACULIRO (ménuisier).
- Bwana GAKUBA Bénoît umwalimu mu kigo cy'Urubyiruko cy'iGACULIRO (maçon)
- Bwana Casimir RUHAKANA umwalimu mu kigo cy'urubyiruko i Gaculiro (maçon)
- Bwana GAKWAYA nDAYITABI, Secrétaire d'administration muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, wakurikiranye imigendekere n'imitegulire y'iryo bazwa.

Twongereho kansi ko muli abo baka banyamyuga, abubatsi batabonye inyigisho mu bigo byemewe na Leta, kandi koko witegereje ubumenyi bafite budahagije kugirango bashobore kwigisha abandi. Amahitamo yaje umuntu yapfa gufata KABERA Esdras ufite "expérience).

Kigali, le 18/01/1983

GAKWAYA -NDAYITABI.

IGEREGEZWA RY'ABALIMU BO KWIGISHA MULI ZA CENTRES DE FORMATION DE LA JEUNESSE

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Iryo geragezwa rakorwa kubulyo bubili :

V a) - Gukoresha amaboko.

- Umubaji akabaza akantu gatoya n'amaboko ye nka cadre y'ifoto ya Prezida akadirishya gato cyangwa assemblage imwe.

-,Umufundi (maçon) kuzamura inkingi imwe nko kuli 1m½ tukareba uko akoresha niveau na fil à plomb.

b) gukoresha ubwange:

- Umubaji:

gutanga theorie irambuye y'imilimo y'umubaji wikorera iwe mu misozi:

1. Uko umubaji atoranya urubaho rwe étude du bois.
2. Assemblage za ngombwa akeneye kumenya
3. Ibibazwa bikunda gukenerwa agomba kwitaho nk'intebe, ameza, urugi, igitanda kuvuga uko bikunda kungana.
4. Ibyo agomba kwitaho igihe agiye guha igiciro ibibázwa bye: kudahenda, kutihenda, igiciro cy'imbaho, ibyuma bye, ibindi yaguze, n'ingufu ze, hanyuma inyungu.

- <u>Umwubatsi</u>

Kwigisha abana uko inzu ihagalikwa kuva mw'isiza kugeza mw'isakara inzu ya metero 10 ku 8. Akabasobanulira Fondation uko igomba gukomera, kuzamura ibibambasi, gukata amadirishya no kuyafunga, gusakara, gutera ibishahuro na lipo, gusasa inzu. Kumenya kubara igiciro cy'inzu bibaye ibyo gupatana, icyo yakwitaho kugirango adahomba kandi adahenda. Kubyigisha isaha imwe, ali umubaji ali umwubatsi.

le 17/08/1982

NDAYITABI

[signature]